D/019/6

Kigali kuwa,13/O2/1998

MINISTERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO ,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
UMUSHINGA W'INGANDO
Z'UBUFATANYE.

Bwana Umunyamabanga Mukuru
wa MIJESCAFOP.

Impamvu :
Gusaba ibiro

Bwana Umunyamabanga Mukuru,

Mbandikiye iyi baruwa nsaba ko umushinga w'ingando z'ubufatanye wahabwa bureau ya kabiri tukayishyiramo secrétariat y'umushinga.

Aho dukorera ubu ni hato ku bakozi cumi n'umunani (18) umushinga wenda gutangirana ku buryo tutabona ahantu duharira imirimo isaba kwiherera nka Secrétariat na Direction y'umushinga. Duhawe akumba n°1133 cyangwa n°1125 kakorerwamo iyo mirimo yombi dukeneye aho ikorerwa hayikwiye, bityo tukarushaho gutunganya service yacu.

Mboneyeho no kubibutsa ko mu isaranganywa rya za ordinateurs riteganijwe mwazirikana ko iri ngombwa muri uyu mushinga kandi ntayo dufite,ndeste mukanatwemerera gufata kamwe muri twa photocopieuses duto tudakoreshwa.

Mbaye mbashimiye.

MUNYANDAMUTSA Jean Paul
Umuhuzabikorwa w'umushinga w'ingando
z'ubufatanye

Bimenyeshejwe :
-Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
Siporo,Umuco no Kwigisha imyuga iciriritse
-Umuyobozi w'Ishami rya Siporo
-Umuyobozi wa Division Infrastructures